

Ibihinduka ku mpushya z'ubuhungiro bwo mu rwego mpuzamahanga guhera ku wa 2.1.2025

Impushya z'ubuhungiro bwo mu rwego mpuzamahanga zibaye ngufi kandi ubuhungiro mu rwego mpuzamahanga buhindutse ubw'inzubacyuho guhera ku wa 2.1.2025, igihe ibyahinduwe n'itegeko rigenga abanyamahanga bizatangirira kwubahirizwa.

Impushya z'ubuhungiro bwo mu rwego mpuzamahanga ni

- ahantu uwahunze aba mu mutekano, ahabwa bishingiye kuri sitati igenerwa uwahunze n'
- uruhushya rwo kuba mu gihugu umuntu ahabwa bishingiye ku byitwa ubuhungiro budasanze.

Ni gute impushya z'ubuhungiro bwo mu rwego mpuzamahanga zigabanirijwe igihe?

Impushya za mbere zo kuba mu gihugu n'iz'inyongera, zirebana n'aho uwahunze aba mu mutekano no ku buhungiro budasanze, mbere zatangirwaga imyaka ine.

Guhera ku wa 2.1.2025 impushya zitangwa mu buryo bukurikira:

- Urw'ahantu uwahunze aba mu mutekano rugenerwa igihe cy'imyaka 3.
- Urw'inyongera rushingiye kuri sitati y'ubuhunzi rugenerwa imyaka 3.
- Uruhushya rwa mbere rwo kuba mu gihugu rushingiye ku buhungiro budasanze rutangirwa igihe cy'umwaka.
- Uruhushya rw'inyongera rushingiye ku buhungiro budasanze rutangirwa imyaka 2.

Igihe uruhushya rwo kuba mu gihugu wari usanganywe ruzarangirira nfighindutse

Impinduka zavuzwe hejuru zireba gusa impushya zo kuba mu gihugu zishingiye ku byitwa kurindwa mu rwego mpuzamahanga zizatangwa guhera ku wa 2.1.2025.

Niba ubu ngubu ufite uruhushya rwo kuba mu gihugu rushingiye ku byitwa kurindwa mu rwego mpuzamahanga rugifite igihe, nta cyo ukeneye kubikoraho. Uruhushya rwa we rwo kuba mu gihugu ruzakomeza igihe cya rwo bisanzwe kugeza italiki ruzarangirira nk'uko yanditse kw'ikarita yawe y'uruhushya rwo kuba mu gihugu.

Ni iki inzibacyuho mu buhungiro bwo mu rwego mpuzamahanga bisobanura?

Inzibacyuho mu buhungiro bwo mu rwego mpuzamahanga bisobanura ko ikigo cy'igihugu gishinzwe abinjira n'abasohoka (imigarasiyo) kizajya gisuzuma kenshi kurusha mbere niba kongerera igihe uwahawe ubuhungiro bwo mu rwego mpuzamahanga bigikenewe. Impushya zo kuba mu gihugu zitangwa bishingiye ku buhungiro bwo mu rwego mpuzamahanga zizakomeza kuba impushya zo mu rwego rwitwa A, ni ukuvuga impushya



zikomeza, ariko intego ni uguha umukiriya uburinzi bwo mu rwego mpuzamahanga gusa igihe akibukeneye. Kuba ngombwa ko ubuhungiro bukomeza bigirwaho ingaruka, urugero, ni ibi bikurikira:

- impagarike y'umutekano mu gihugu cyawe uvukamwo niba yarahindutse nyuma y'igihe wahereweho ubuhungiro bwo mu rwego mpuzamahanga
- watembereye mu gihugu cyawe cyangwa mu gihugu wari usanzwe ubamwo mbere
- wasabye mu gihugu ufitiye ubwenegihugu ko uhabwa pasiporo yacyo.

Gukora ibyaha bigira ingaruka kurusha uko byari bimeze mbere ku guhabwa cyangwa kwamburwa ubuhunzi bwo mu rwego mpuzamahanga

Ibyahinduwe mw'itegeko byongewemwo izindi mpamvu zatuma udahabwa cyagwa wamburwa ubuhunzi bwo mu rwego mpuzamahanga. Soma ku rubuga rwacu, [urebe igihe umuntu ashobora kudahabwa ubuhungiro bwo mu rwego mpuzamahanga](#).

Soma ku rubuga rwacu, urebe uko [Ikigo cya Leta gishinzwe abinjira n'abasohoka gishobora kwambura umuntu sitati y'ubuhunzi cyangwa iy'ubuhungiro budasanzwe](#).

Indimi byanditswemwo